ABATURAGE B'ABATUNZI

BA S/CHEFFERIE KAYINAMURA

- : -

Nyagisozi, le 11/2/1958

Kuri Bwana Résident w'Urwanda

i

KIGALI

Ruhengeri

3993

Binyuze kuri: Bwana Administrateur wa Territoire ya RUHENGERI

Umutwale w'Intara RWABULINDI

Umutwale w'umusozi KAYINAMURA

Arasuzuma

1) Twumvise inkuru zivugwa ngo ko abaturage b'abatunzi bo ku musozi wa s/chef KAYINAMURA banditse urwandiko rutaka ko tutagira urwuri rw'inka zachu, kandi ko twarwimwe na s/chef Kayinamura.

2) Dore icyerekana ko abanditse urwo rwandiko batubeshyeye. Iyo tubura aho turagira, tuhimwe na s/chef Kayinamura tuba twarabanje kubitakira Chef Rwabulindi atagira icyakora muribyo tukabimenyesha Bwana Administrateur wa Territoire, nawe atagira icyo akora, tukabona kubimenyesha Bwana Résident.

3) Ubgatsi bgo mu gihugu ntitubukeneye, kuva kera tuburagira uko tubufite, gusa ubgatsi dukeneye nubgo mw'ishyamba, nabgo kandi si s/chef wabutwimye, kuko nawe ataburagira, ahubgo n'amategeko ya l'Etat.

Tugusezeyeho tukumenyesha ko umuntu wanditse urwo rwandiko ruvuga ko twabuze ubgatsi bgo mu gihugu yabeshye.

Nitwe ABATUNZI BO KU MUSOZI WA S/CHEF KAYINAMURA.

| | | | |
|---|---|---|---|
| KARAMBI | RUVAKURE Ruvakure | BIKWENO | MASHAGO |
| SEKIDENDE Sekidende | RUKWIZO | MANYAGIHUGU Manyagihugu | NKUNDABABA Nkundababa |
| SEBIRAYI Sebirayi | MUHIMA | NIRAGIRE | MUNYAZIKUNZE |

Tubivuze mu majwi y'abatunzi bose.-